# KAMONYI DISTRICT NEWSLETTER
## MARCH 2023

## Inama Njyanama y'Akarere yemeje ingengo y'imari irenga miliyari 27

### Ingengo y'imari y'Akarere ivuguruye y'umwaka wa 2022/2023 ni 27,584,742,274 izakoreshwa kugeza Kamena 2023 mu mishinga na gahunda z'Akarere zitandukanye



Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi yateranye tariki 10 Werurwe 2023 iyobowe na Perezida w'Inama Njyanama bwana NYONI Emilien Lambert niyo yemeje iyo ngengo y'imari ikaba yariyongereyeho arenga miliyari 3 (3,857,438,600).



Muri iyi nama kandi abitabiriye bagejejweho raporo y'amakomisiyo ahoraho agize Inama Njyanama, raporo y'ibikorwa by'akarere igihembwe cya kabiri, abajyanama kandi bemeje gahunda y'amasoko ivuguruye ateganyijwe gutangwa muri uyu mwaka w'ingengo y'imari.



Hemejwe amabwiriza ajyanye n'imikorere y'amagare (abanyozi), gusuzuma inyandiko z'abandikiye Inama Njyanama y'Akarere, basuzumye kandi bemeza ubutaka butagomba gusora mu karere kubera ko aho hantu hataragezwa ibikorwaremezo, hemejwe ibiciro birebana n'imikoreshereze y'ikibuga cya Ruyenzi.

# Guverineri w'Intara y'Amajyepfo yayoboye inama y'umutekano yaguye y'Akarere



Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme KAYITESI Alice ku mugorob tariki 15.03.2023 yayoboye ku biro by'Akarere i Gihinga inama y'umutekano yaguye y'Akarere. Inama yitabiriwe n'abagize inama y'umutekano itaguye y'Intara, abagize komite nyobozi y'akarere, inama y'umutekano itaguye y'Akarere n'abakuriye inzego z'umutekano mu Mirenge (abayobozi ba sitatiyo za Polisi, abakuriye inkeragutabara n'abakuriye urwego rwa DASSO), hari kandi n'abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge.

Abitabiriye inama y'umutekano bunguranye ibitekerezo ku ngamba zo gukomeza kubumbatira umutekano mu karere ka Kamonyi muri rusange; by'umwihariko baganiriye ku gukomeza ubufatanye bw'abaturage n'inzego z'umutekano mu gukumira ibyaha bikunze kwigaragaza.





## Hakozwe inama yo kunoza imyiteguro yo kwibuka ku nshuro ya 29 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994



Mu cyumba cy'inama cy'Akarere kuwa gatatu tariki 22 Werurwe 2023, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'abaturage Mme UWIRINGIRA Marie Josee afatanyije na Perezida wa IBUKA mu Karere ka Kamonyi bwana Benedata Zacharie, bayoboye inama yo kunoza imyiteguro ya gahunda yo kwibuka ku nshuro ya 29 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Inama yitabiriwe na komite ya Ibuka ku rwegorw'Akarere, abafatanyabikorwa badufasha mu bikorwa byo kwibuka, abakozi bo mu ishami ry'imiyoborere myiza ku Karere, abahagarariye Ibuka muri buri Murenge n'abakozi b'Imirenge bashinzwe ibikorwa byo kwibuka.

Muri iyi nama hagarutswe ku kureba uko muri buri Murenge imyiteguro yo kwibuka ihagaze, kwibukiranya amatariki buri Murenge uzibukiraho hashingiwe ku mateka ya Jenoside muri buri Murenge.

Mu nama hagarutswe kandi ku kuzafasha abashobora kugira ikibazo cy'ihungabana; abitabiriye banunguranye ibitekerezo ku gufata neza inzibutso by'umwihariko basabwe gukomeza imyiteguro bakora isuku ku nzibutso, gutera amarangi aho bikenewe bigakorwa kare kandi ubuyobozi bw'Akarere n'Umurenge





# Abagize urwego DASSO basabwe kurushaho kurangwa n'imikorerere inoze



Ku biro by'Akarere ku gicamunsi cyo kuwa 09 Werurwe 2023 habereye inama yari yatumiwemo abagize urwego rwa DASSO bose bakorere mu Mirenge inyuranye y'akarere ka Kamonyi ndetse n'abakorera ku cyicaro cy'Akarere.

Iyi nama yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe ubukungu bwana Uzziel Niyonigira yitabiriwe na CP RUMANZI ukurikirana ibikorwa bya DASSO ku rwego rw'Igihugu, Umuyobozi wa Polisi mu Karere Supt. Nsabimana Jean Bosco n'umuhuzabikorwa wa DASSO ku Karere bwana Irakarama Albert.



Haganiriwe ku itegeko rigenga urwego DASSO mu gihugu, inshingano ugize urwego rwa DASSO ahabwa n'ubuyobozi bw'Akarere, haganiriwe no ku myitwarire iboneye igomba kuranga abagize uru rwego kugira ngo habeho gukomeza gusenyera umugozi umwe n'izi nzego mu kubungabunga umutekano w'abantu n'ibintu byabo.



## Inama nyunguranabitekerezo ku mushinga wo guteza imbere ubuhinzi



Ku biro by'Akarere i Gihinga tariki 09 Werurwe 2023 habereye inama yateguwe n'Akarere ku bufatanye n'umushinga CDAT; ukazatera inkunga nyunganizi imishinga y'ubuhinzi bw'umwuga, gufata neza umusaruro , kuwuhunika, kuwutunganya , kuwongerera agaciro no gufasha ibigo by'ubuhinzi kugera ku masoko.





Iyi nama yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Ubukungu bwana Niyongira Uzziel yitabiriwe n'Umuyobozi wa RAB Sitasiyo ya Muhanga; Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge; Abakozi ba MINAGRI; abakozi ba CDAT; Umuyobozi wa PSF Kamonyi, uhagarariye abafite ubumuga mu Karere ka Kamonyi; uhagarariye BRD; abahagarariye ibigo by'imari bikorera mu Karere ka Kamonyi; abakozi bo mu ishami ry'ubuhinzi; abashinzwe ubuhinzi mu Mirenge; abahagarariye amakoperative y'ubuhinzi n'ubworozi mu Karere ; abahagarariye imiryango y'amazi ikorera mu Karere ka Kamonyi; abakozi bashinzwe iterambere mu Tugari n'abahagarariye ibigo bitanga ubwishingizi ku bihingwa n'amatungo.

## Kuwa 08 Werurwe 2023 mu Mirenge hose hizihijwe Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore



--Ibirori muri rusange byaranzwe no kumurika ibikorwa byagezweho mu guteza imbere abagore n'umuryango, gusezeranya ababanaga bitemewe n'amategeko, kuremera imiryango mu bufasha butandukanye, koroza imiryango, gutera inkunga amatsinda y'abagore yo kwiteza imbere bahawe 6,870,000 frw ku nkunga ya FXB, guha abana indyo yuzuye, imbyino n'indirimbo z'abahanzi . n'amatorero n'ubutumwa bw'abayobozi .

Hirya no hino mu Mirenge yose igize Akarere ka Kamonyi hizihijwe umunsi mpuzamahanga w'abagore.

Ku rwego rw'Akarere ibirori byabereye mu Murenge wa Runda mu Kagari ka Muganza, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel akaba yifatanyije n'abaturage muri ibi birori, iyi gahunda i Runda yitabiriwe n'umuhuzabikorwa wungirije wa CNF ku rwego rw'Intara Mme MWENENYIRIGIRA Diane, Umuhuzabikorwa wa CNF ku rwego rw'Akarere Mme MUSABYIMANA Marie Goretti, Umuyobozi w'Umurenge wa Runda, inzego z'umutekano n'abafatanyabikorwa.






## Musambira: Direct Aid Rwanda yatanze inkunga ku miryango y'abatishoboye ifite agaciro ka miliyoni 20.



Tariki 10 Werurwe 2023, mu Murenge wa Musambira Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel yafunguye ku mugaragaro ibikorwa by'umufatanyabikorwa Direct Aid Rwanda mu Murenge wa Musambira.

Muri iyi gahunda Direct Aid yari ihagarariwe na bwana MADJID KHATAB Umuyobozi wa DIRECT AID mu Rwanda hari kandi intumwa ya Mufti w'u Rwanda Shekhe MURANGWA Jamilla nawe wari waje kwifatanya n'abatuye i Musambira muri iyi gahunda.

Umuryango Direct Aid watanze inka 15 zizororerwa mu gikumba, hatanzwe n'ihene 67 ndetse hatashywe isoko ry'imboga ryubakiwe abagore bacururizaga mu kajagari (abazunguzayi) mu Murenge wa Musambira. Ibi bikorwa byose nibyo byatwaye asaga miliyoni 20 z'amafaranga y'u Rwanda.





# Nyamiyaga: hashojwe amahugurwa ku kubaka amahoro



Ku bufatanye n'umuryango "Ubuntu Centre for Peace" mu Kagari ka Ngoma Umurenge wa Nyamiyaga habereye igikorwa cyo gusoza amahugurwa yari amaze ibyumweru 16, aho Umufatanyabikorwa Ubuntu Center for Peace yafatanyije n'ubuyobozi guhugura amatsinda 12 muri gahunda "Abubatsi b'amahoro" igamije gufasha umuryango nyarwanda gukira ibikomere, kwirinda amakimbirane no kubaka amahoro arambye

Abashoje bose ni abo mu Tugari twa Ngoma na Kidahwe bagera kuri 240. Ni gahunda izakomeza ikazagirwamo uruhare n'abubatsi b'amahoro. Muri iki gikorwa, uyu muryango wari uhagarariwe na Dr. Lucien Nzayirata Umuyobozi Wungirije wa Ubuntu Center for Peace, naho ubuyobozi bwari buhagarariwe na Mudahemuka Jean Damascene Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Nyamiyaga.





# Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe imibereho myiza yasobanuye gahunda irambye yo gukura abaturage mu bukene (graduation)



Hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga rya Webex, ku gicamunsi cyo kuwa mbere tariki 20 Werurwe 2023, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe imibereho myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee, yayoboye inama yaganiriweho ibikorwa byo mu nkingi y'imibereho myiza bikeneye ubukangurambaga kandi byihutirwa, by'umwihariko hagarutswe ku gikorwa cya gahunda yo gukura abaturage mu bukene (graduation).

Abitabiriye bagejejweho amabwiriza agenga uburyo bwo gutoranya ugomba gukurwa ku rutonde rw'abakene, basobanuriwe imiterere ya komite izakora igikorwa n'ibizashingirwaho mu gutoranya.

-Inama yitabiriwe n'abakozi bashinzwe imibereho myiza mu Mirenge, abashinzwe ubutaka n'abashinzwe imibereho myiza n'iterambere mu Tugari.

Iyi nama yari yabanjirijwe n'indi yabaye mu gitondo ku biro by'Akarere yari yatumiwemo abanyamabanga nshingwabikorwa b'Imirenge n'ab'Utugari, abakozi bakorera ku Karere n'inzego z'umutekano; haganirwa kuri iyi ngingo. Biteganyijwe iyi gahunda itangizwa tariki 25 Werurwe mu karere hose nyuma wo kubisobanurira neza abaturage umuganda ushoje.





# KAMONYI DISTRICT NEWSLETTER

## Abasora bahuguwe ku misoro n'akamaro ko gukora imenyekanisha ku gihe



Ku bufatanye n'Ikigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'amahoro (RRA), ku biro by'Akarere tariki 21.03.2023 habereye amahugurwa ku misoro n'amahooro; yatumiwemo abasora bakora ubucuruzi butandukanye mu karere no hanze yako.

Abitabiriye basobanuriye ibyiciro by'imisoro n'amahoro bitewe n'ubucuruzi umuntu akora, bahawe umwanya babaza ibibazo bajya bagira mu kumenyekanisha no kwishyura imisoro n'amahooro ndetse bihabwa ibisubizo.

Abasora basabwe kujya bubahiriza ibisabwa, bibukijwe ko kudakora imenyekanisha (declaration) ku gihe no kutishyura umusoro bihanirwa nkuko amategeko abiteganya. Amahugurwa yitabiriwe n'umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere bwana ABIYINGOMA Gerard, Umuyobozi wa RRA mu Karere bwana Simon Uwimana, Perezida wa PSF mu Karere hari kandi umukozi wa RRA ushinzwe ubukangurambaga (awareness) ku misoro n'amahoro Mme Mukarugwiza Judith.




**Compiled by:**

**Faustin N.**

**Public Relations, Media & comms**